REPUBULIKA Y'U RWANDA

SENA

# RAPORO Y'IBIKORWA BYA SENA Y'UMWAKA WA 2021/2022



KIGALI, Nyakanga 2022

**ISHAKIRO**

**URUTONDE RW'AMASHUSHO** ........ v

**URUTONDE RW'AMAFOTO** ........ v

**URUTONDE RW'IMIGEREKA** ........ v

**IBISOBANURO BY'IMPINE Z'AMAGAMBO** ........ vi

**IJAMBO RY'IBANZE** ........ vii

**INCAMAKE** ........ 1

**INTANGIRIRO** ........ 2

**I. INZEGO ZA SENA N'URUHARE RWAZO MU BYAKOZWE** ........ 3

I.1. Inteko Rusange ........ 6

I.1.1. Inama z'Inteko Rusange zabaye ........ 7

I.1.2. Imyanzuro yafashwe n'Inteko Rusange ........ 8

I.2. Inama y'Abaperezida ........ 9

I.2.1. Inama z'Inama y'Abaperezida zabaye ........ 9

I.2.2. Imyanzuro yafashwe n'Inama y'Abaperezida ........ 10

I.3. Biro ya Sena ........ 11

I.3.1. Inama za Biro ........ 12

I.3.2. Kwakira no kugenzura inyandiko z'umutungo z'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi ........ 14

I.4. Komisiyo zihoraho za Sena ........ 14

I.5. Komite igenzura imikorere ya Sena, imyitwarire, imyifatire n'ubudahangarwa by'Abasenateri ........ 15

I.6. Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena ........ 15

**II. IBYAKOZWE NA SENA HAKURIKIJWE INSHINGANO N'UBUBASHA BYAYO** ........ 17

II.1. Kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo ........ 17

II.2. Gutanga ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta ........ 17

II.3. Kwemeza ishyirwaho ry'Abayobozi ........ 18

II.4. Gusuzuma no gutora amategeko ........ 19

II.5. Kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma ........ 20

II.5.1. Kugezwaho na Minisitiri w'Intebe gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ........ 20

II.5.2. Ibikorwa bya Komisiyo za Sena bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma ........ 21
II.5.3. Kubaza mu magambo ........ 21
II.6. Gusuzuma raporo z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko 22
II.7. Guhagararira abaturage ........ 23
**III. IMIKORANIRE YA SENA N'IZINDI NZEGO NO GUTSURA UMUBANO N'UBUTWERERANE N'IZINDI NTEKO ZISHINGA AMATEGEKO ........ 24**
III.1. Imikoranire ya Sena n'Umutwe w'Abadepite ........ 24
III.2. Imikoranire ya Sena n'izindi nzego zo mu Gihugu ........ 24
III.3. Gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi Bihugu n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko ........ 24
III.3.1. Inama Mpuzamahanga z'Abagize Inteko Zishinga Amategeko ........ 25
III.4. Ubutumwa mu mahanga ........ 25
III.5. Abashyitsi basuye Sena ........ 27
**IV. IBYAGEZWEHO N'AMAHURIRO ASHAMIKIYE KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO ........ 28**
IV.1. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira imibereho myiza y'abaturage n'iterambere (RPRPD) ........ 28
IV.2. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira Jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF) ........ 30
IV.3. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda rigamije gukumira no kurwanya ruswa (APNAC-Rwanda) ........ 30
IV.4. Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP) .... 31
**V. IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI YA SENA ........ 33**
**VI. UMUSOZO ........ 34**
**IMIGEREKA ........ 35**

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho 1: Inama z'Inteko Rusange zabaye ........ 8
Ishusho 2: Imyanzuro y'Inteko Rusange ........ 8
Ishusho 3: Imyanzuro yafashwe n'Inama y'Abaperezida ........ 10
Ishusho 4: Inama za Biro zateranye ........ 13
Ishusho 5: Imyanzuro yafashwe na Biro ........ 13
Ishusho 6: Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo bya Biro ya Sena ........ 14
Ishusho 7: Abayobozi bemejwe na Sena ........ 18
Ishusho 8: Amategeko yatowe na Sena ........ 19
Ishusho 9: Abashyitsi basuye Sena ........ 27
Ishusho 10: Ikigero cy'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena ........ 33

## URUTONDE RW'AMAFOTO

Ifoto 1: Abagize Sena y'u Rwanda muri manda ya gatatu ........ 4
Ifoto 2: Abasenateri mu nama y'Inteko Rusange ya Sena ........ 6
Ifoto 3: Minisitiri w'Intebe ageza gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ku bagize Inteko Ishinga Amategeko ........ 21
Ifoto 4: Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ageza ibisobanuro mu magambo ku Nteko Rusange ya Sena ........ 22
Ifoto 5: Biro ya Sena yakira Ambasaderi w'Ubufaransa mu Rwanda ........ 28

## URUTONDE RW'IMIGEREKA

Umugereka wa 1: Abasenateri bagize manda ya gatatu ya Sena ........ 35
Umugereka wa 2: Abagize Inama y'Abaperezida ........ 36
Umugereka wa 3: Abagize Komisiyo za Sena ........ 37
Umugereka wa 4: Abasenateri bagize Komite ........ 39
Umugereka wa 5: Abayobozi bemejwe na Sena mu mwaka wa 2021/2022 ........ 40
Umugereka wa 6: Ibikorwa byakozwe muri gahunda yo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma ........ 41
Umugereka wa 7: Raporo z'Inzego zashyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko ........ 42
Umugereka wa 8: Abashyitsi basuye Sena mu mwaka wa 2021/2022 ........ 43
Umugereka wa 9: Ingengo y'imari y'umwaka wa 2021/2022 yakoreshejwe ........ 45

# IBISOBANURO BY'IMPINE Z'AMAGAMBO

| | | |
|---|---|---|
| AGPF | : | Anti Genocide Parliamentary Forum |
| APNAC | : | African Parliamentarians'Network Against Corruption |
| COVID-19 | : | Coronavirus Disease for 19 |
| CPA | : | Certified Public Accountant |
| CPA | : | Commonwealth Parliamentarian Assembly |
| Dr | : | Doctor |
| FFRP | : | Forum des Femmes Rwandaises Parlementaires |
| H.E | : | His Excellency |
| ICT | : | Information Communication Technology |
| IPU | : | Inter Parliamentary Union |
| LAF | : | Legal Aid Forum |
| OAG | : | Office of the Auditor General |
| PAP | : | Panafrican Parliament |
| RFA | : | Rwanda Forestry Authority |
| RMI | : | Rwanda Management Institute |
| RPRPD | : | Rwandan Parliamentarians on Population and Development |
| RTB | : | Rwanda TEVET Board |
| TI | : | Transparency International |
| UNFPA | : | United Nations Population Fund |
| UNICEF | : | United Nations International Children's Emergency Fund |

# IJAMBO RY'IBANZE



Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari ya 2021/2022, Sena yashoje imyaka ibiri n'igice kuri itanu igize manda ya Sena; mu kuwusoza hakaba harabaye umwanya wo kwisuzuma harebwa uko ibyo Sena yiyemeje bigenda bigerwaho. Wabaye umwanya mwiza wo kongera gutekereza ku nshingano y'umwihariko wa Sena yo kugenzura iyubahirizwa ry'Amahame Remezo avugwa mu ngingo ya cumi y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

N'ubwo habayeho imbogamizi zatewe n'icyorezo cya COVID-19, ntibyabujije Sena gukomeza imirimo yayo: hifashishijwe ikorabuhanga inama zose ziteganywa n'amategeko zarakozwe, kandi n'inama mpuzamahanga zashoboye kwitabirwa, ndetse mu gihe icyorezo cya COVID-19 cyari gitangiye kugenda gicika intege, Abasenateri barushijeho gushyira mu bikorwa inshingano yabo yo kwegera abaturage.

Ibikorwa byose Sena yakoze muri uyu mwaka, byashingiye ku igenamigambi rya Sena ry'igihe kirekire (2021/2026) no ku iteganyabikorwa ryayo ry'umwaka w'ingengo y'imari ya 2021/2022. Mu bikorwa byose kandi Sena yibanze ku kugenzura iyubahirizwa ry'Amahame Remezo.

Mu rwego rwo gukomeza kwiyubaka, Sena kandi muri uyu mwaka yavuguruye inzego z'imirimo zayo zongererwa ingufu ndetse zinahabwa abakozi bashya kandi bafite ubushobozi, bakaba bitezweho kuzamura urwego rw'imirimo rwa Sena no gufasha Sena kugera ku ntego zayo kandi ku gihe. By'umwihariko Komisiyo za Sena zahawe abakozi bafite intera yo hejuru kugira ngo harushweho kuzamura igipimo mu gusesengura gahunda za Leta mu ndorerwamo y'Amahame Remezo.

Ibyakozwe byose mu gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa bya Sena y'umwaka wa 2021-2022 byashingiye ku bwitange, umurava n'ubufatanye bw'Abasenateri n'abakozi ba Sena ndetse no ku bwuzuzanye n'imikoranire myiza n'izindi nzego zose.


Sena irashima cyane uruhare rwa buri wese mu ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zayo.

**Dr. IYAMUREMYE Augustin**


**Perezida wa Sena**

# INCAMAKE

## INZEGO ZA SENA




## INSHINGANO ZA SENA



# INTANGIRIRO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 109-7°, buri mwaka hategurwa raporo y'imirimo ya Sena. Imirimo ya Sena ikorwa iba ikubiye mu iteganyabikorwa ryayo rigendera ku ngengabihe y'umwaka w'ingengo y'imari ya Leta utangira tariki ya 01 Nyakanga ugasozwa ku itariki ya 30 Kamena.

Ni muri urwo rwego, iyi raporo yateguwe hashingiwe ku bikorwa byari byateganyijwe mu iteganyabikorwa rya Sena ry'umwaka wa 2021/2022 rigizwe n'ibikorwa bya Komisiyo zihoraho za Sena, Komite n'ibikorwa bireba izindi nzego za Sena.

Imirimo yakozwe mu mwaka wa 2021/2022 yakozwe hashingiwe ku nshingano n'ububasha bya Sena:

- Kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo;
- Kugenzura imikorere y'imitwe ya politiki;
- Guha Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu;
- Gutora amategeko;
- Kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma;
- Kwemeza ishyirwaho ry'Abayobozi;
- Gutanga inama ku bibazo biremereye Igihugu bijyanye n'inshingano zayo.

Uretse ibijyanye n'izo nshingano, iyi raporo iragaragaza n'ibindi byakozwe, birimo kwakira abashyitsi bagendereye Sena, ibikorwa by'amahuriro y'abagize Inteko Ishinga Amategeko n'ibikorwa by'inzego z'imirimo za Sena.

Ibyakozwe mu mwaka wa 2021/2022 bigaragazwa muri iyi raporo bikubiye mu bice bikurikira:

- Inzego za Sena n'uruhare rwazo mu byagezweho;
- Ibyakozwe birebana n'inshingano n'ububasha bya Sena;
- Imikoranire ya Sena n'izindi nzego no gutsura umubano n'ubutwererane n'izindi Nteko zishinga Amategeko;
- Ibyagezweho n'amahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko;
- Imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena;
- Umusozo.

Nyuma y'umusozo w'iyi raporo kandi hagaragara imigereka ikubiyemo amakuru arambuye kuri zimwe mu ngingo zavuzwe mu bice bitandukanye by'iyi raporo.

Inyandiko zikubiyemo ibyakozwe mu buryo burambuye ziboneka mu bubiko bw'inyandiko z'Inteko Ishinga Amategeko.

# I. INZEGO ZA SENA N'URUHARE RWAZO MU BYAKOZWE

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 14, inzego za Sena ni izi zikurikira:

- Inteko Rusange;
- Inama y'Abaperezida;
- Biro ya Sena;
- Komisiyo zihoraho;
- Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri;
- Ubunyamabanga Bukuru.

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Sena igizwe n'Abasenateri makumyabiri na batandatu (26) batorwa cyangwa bashyirwaho[1]. Aba basenateri nibo bashyira inshingano za Sena mu bikorwa binyuze mu nzego zayo zavuzwe haruguru bunganiwe n'Ubunyamabanga Bukuru.

Umugereka wa mbere w'iyi raporo werekana urutonde rw'Abasenateri bose bagize manda ya gatatu ya Sena uko ari 26.

*1 Ingingo ya 80 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015*

*Ifoto 1: Abagize Sena y'u Rwanda muri manda ya gatatu*



Senateri BIDERI John Bonds



Senateri DUSHIMIMANA Lambert



Senateri Prof. DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre



Senateri Dr. HABINEZA Faustin



Senateri HABIYAKARE François



Senateri Dr. HAVUGIMANA Emmanuel



Senateri Dr. IYAMUREMYE Augustin



Senateri Prof. KANYARUKIGA Ephrem



Senateri KANZIZA Epiphanie



Senateri MUGISHA Alexis



Senateri Dr. MUKABARAMBA Alvera



Senateri MUKAKARANGWA Clotilde


Senateri MUPENZI George



Senateri MURANGWA NDANGIZA Hadija


Senateri MURESHYANKWANO Marie Rose


Senateri Prof. NIYOMUGABO Cyprien


Senateri NKURUNZIZA Innocent


Senateri NKUSI Juvénal


Senateri NSENGIYUMVA Fulgence


Senateri NTIDENDEREZA William


Senateri Dr. NYINAWAMWIZA Laetitia


Senateri NYIRASAFARI Espérance


Senateri TWAHIRWA André


Senateri UMUHIRE Adrie


Senateri UWERA Pélagie


Senateri UWIZEYIMANA Evode

## I.1. Inteko Rusange

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 15, Inteko Rusange igizwe n'Abasenateri bose kandi ni rwo rwego rukuru rwa Sena mu gufata ibyemezo.

*Ifoto 2: Abasenateri mu nama y'Inteko Rusange ya Sena*




*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko bwa Sena*

Ku birebana n'ibikorwa by'Inteko Rusange ya Sena mu mwaka wa 2021/2022, ibyagezweho mu ncamake ni ibi bikurikira:

- Hemejwe ishingiro ry'imishinga y'amategeko ari mu bubasha bwa Sena kandi iranatorwa;
- Hafashwe imyanzuro kuri raporo z'ibikorwa binyuranye bya Komisiyo zihoraho za Sena n'iza Komite;
- Hemejwe ishyirwaho ry'abayobozi bashyikirijwe Sena;
- Hafashwe imyanzuro kuri raporo z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko;

- Hitabiriwe inama, ibiganiro nyunguranabitekerezo n'amahugurwa bigenewe Abasenateri;
- Yagejejweho kandi ifata ibyemezo kuri raporo z'ubutumwa mu Gihugu no mu mahanga, na raporo z'inama mpuzamahanga Abasenateri bitabiriye;
- Hakozwe umwiherero w'Abasenateri bose wabereye mu cyumba cy'Inteko Rusange ya Sena (guhera ku wa 01 kugera ku wa 03 Ugushyingo 2021);
- Hashyizweho abagize Komisiyo idasanzwe ishinzwe kureba ibibazo binyuranye biri mu midugudu yaba iy'Icyitegererezo (IDP Model Villages) n'indi midugudu Leta ituzamo abantu banyuranye mu rwego rwo gukemura ibibazo by'abadafite aho baba, inatora abagize Biro y'iyo Komisiyo idasanzwe;
- Hemejwe inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo z'Inteko Rusange ya Sena;
- Hemejwe imyanzuro y'Inama y'Abaperezida;
- Inteko Rusange yagennye ikiruhuko cy'Abasenateri cy'umwaka wa 2021-2022 nk'uko biteganywa n'ingingo ya 44 y'Itegeko Ngenga no 007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena.

By'umwihariko, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 22 y'Itegeko Ngenga n° 007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena ivuga ko nyuma y'imyaka ibiri n'igice, Umusenateri ubyifuza ashobora guhindura Komisiyo; Abasenateri babyifuje bandikiye Biro ya Sena bayisaba guhindura Komisiyo.


Nk'uko biteganywa na none n'ingingo ya 23 n'iya 24 z'Itegeko Ngenga n° 007/2018. OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, Inteko Rusange ya Sena yo ku wa 8 Kemena 2022, yatoye abagize Biro za Komisiyo na Komite igenzura imikorere ya Sena, imyitwarire n'ubudahangarwa by'Abasenateri.

Ku umugereka wa 3 hari urutonde rw'Abagize Komisiyo na Komite bya Sena mbere y'itariki ya 8/6/2022 na nyuma yayo.

### *I.1.1. Inama z'Inteko Rusange zabaye*

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 72, inama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ziterana mu gihe cy'ibihembwe bisanzwe n'ibihembwe bidasanzwe, naho ingingo yaryo ya 71 iteganya ko Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora guteranira hamwe. Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 38, riteganya ibijyanye n'ibihembwe bisanzwe.

*Ishusho 1: Inama z'Inteko Rusange zabaye*




*Aho byavuye: Raporo z'Ibikorwa by'umwaka bya Sena (2021-2022)*


Mu mwaka wa 2021–2022, Inteko Rusange ya Sena yateranye mu nama inshuro mirongo itanu n'eshatu (53), harimo inama cumi n'imwe (11) z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko na mirongo ine n'ebyiri (42) z'Inteko Rusange za Sena.

Inteko Rusange yasuzumye ingingo zose yashyikirijwe kandi izifataho imyazuro.

### *I.1.2. Imyanzuro yafashwe n'Inteko Rusange*

Mu mwaka wa 2021/2022, imyanzuro yose hamwe yafashwe n'Inteko Rusange ya Sena ni 11, harimo imyanzuro umunani (08) yashyikirijwe Guverinoma n'izindi nzego ndetse n'imyanzuro itatu (03) Inteko Rusange yafashe ikiyemeza kuyikurikirana ubwayo binyuze mu nzego za Sena.

*Ishusho 2: Imyanzuro y'Inteko Rusange*




*Aho byavuye: Raporo z'Ibikorwa by'umwaka bya Sena (2021- 2022)*

Inteko Rusange yemeje inyandikomvugo makumyabiri n'eshatu (23) n'inyandiko zivunaguye mirongo ine n'ebyiri (42) z'inama z'Inteko Rusange.

Inteko Rusange ya Sena kandi yagejejweho imyanzuro y'inama zisanzwe z'Inama y'Abaperezida irayemeza.

## I.2. Inama y'Abaperezida

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 17, Inama y'Abaperezida igizwe na:

- Biro ya Sena;
- Biro za Komisiyo zihoraho;
- Biro ya Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri.

Amazina y'Abasenateri bagize Inama y'Abaperezida mbere na nyuma yo kuwa 8 Kamena 2022 ari ku mugereka wa 2 w'iyi raporo.

Mu mwaka wa 2021-2022, Inama y'Abaperezida yateranye nk'uko bisanzwe, isuzuma ingingo zinyuranye zijyanye n'inshingano zayo[2].

Ibyakozwe n'Inama y'Abaperezida mu ncamake ni ibi bikurikira:

- Hateguwe gahunda z'ibihembwe bisanzwe bya Sena byabaye mu mwaka wa 2021/2022;
- Hatangiye isuzumwa ry'umushinga w'Itegeko Ngenga rigena ibigomba gukurikizwa mu kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikore bya Guverinoma;
- Hakurikiranywe imitegurire y'iteganyabikorwa rya Komisiyo zihoraho za Sena na Komite ry'umwaka wa 2021/2022 (Consolidated Action Plan 2021/2022);
- Hakurikiranywe ishyirwa mu bikorwa ry'iteganyabikorwa rya Komisiyo zihoraho za Sena na Komite ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya Sena;
- Hakurikiranywe isesengurwa rya raporo z'Inzego zihariye na Komisiyo z'Igihugu zerekeye ibikorwa byazo by'umwaka wa 2020/2021 zigezwa ku Nteko Ishinga Amategeko;
- Hakurikiranywe ibijyanye n'itegurwa ry'iteganyabikorwa rya Sena ry'umwaka wa 2022/2023.

### *I.2.1. Inama z'Inama y'Abaperezida zabaye*

Mu 2021-2022, Inama y'Abaperezida yateranye inshuro zirindwi (07) isuzuma ingingo zitandukanye.

*2 Ingingo ya 72 y'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018*

**Imbonerahamwe ya 1: Inama z'Inama y'Abaperezida zateranye**


| Ukwezi | Inama z'Inama y'Abaperezida zateranye | | Igiteranyo cy'inama zateranye | Imyanzuro yose yafashwe n'Inama y'Abaperezida |
|---|---|---|---|---|
| | Inama zisanzwe | Inama zidasanzwe | | |
| 28 Nyakanga 2021 | 1 | 0 | 1 | 3 |
| 15 Nzeri 2021 | 1 | 0 | 1 | 2 |
| 27 Ukwakira 2021 | 1 | 0 | 1 | 3 |
| 19 Mutarama 2022 | 1 | 0 | 1 | 3 |
| 28 Gashyantare 2022 | 1 | 0 | 1 | 6 |
| 18 Gicurasi 2022 | 1 | 0 | 1 | 6 |
| 29 Kamena 2022 | 1 | 0 | 1 | 0 |
| Igiteranyo | 7 | 0 | 7 | 23 |

*Aho byavuye: Raporo z'Ibikorwa by'umwaka bya Sena (July 2021-June 2022)*

## *I.2.2. Imyanzuro yafashwe n'Inama y'Abaperezida*

Inama y'Abaperezida yateranye inshuro zirindwi (07) mu mwaka wa 2021-2022, inafata imyanzuro makumyabiri n'itatu (23).

*Ishusho 3: Imyanzuro yafashwe n'Inama y'Abaperezida*




*Aho byavuye: Raporo z'Inama y'Abaperezida (Nyakanga 2021-Kamena 2022)*

Imyanzuro y'Inama y'Abaperezida yashyikirijwe Inteko Rusange yaremejwe kandi yose yashyizwe mu bikorwa ifasha inzego za Sena kurushaho kunoza inshingano zazo.

### I.3. Biro ya Sena

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 18, Biro ya Sena igizwe na Perezida na ba Visi Perezida babiri (2) batorwa mu bagize Sena. Umwe mu ba Visi-Perezida ashinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, undi ashinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi. Biro ya Sena igizwe na:

- Hon. Dr. IYAMUREMYE Augustin, Perezida wa Sena;
- Hon. NYIRASAFARI Espérance, Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;
- Hon. MUKABARAMBA Alvera, Visi Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi.

Biro ya Sena ishingiye ku nshingano zayo ziteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 75, muri rusange yakoze ibi bikurikira:

- Hateguwe gahunda y'imirimo y'Inteko Rusange;
- Hateguwe inama z'Inama y'Abaperezida;
- Hakurikiranwe imikorere ya Komisiyo zihoraho za Sena n'iy'amahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko;
- Hayobowe inama z'Inteko Rusange ya Sena kandi hakurikiranwa ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yazifatiwemo;
- Hagejejwe ku Nteko Rusange Imyanzuro y'inama y'Inama y'Abaperezida kandi hakurikiranwa ishyirwa mu bikorwa ryayo;
- Hakurikiranwe imicungire y'abakozi, imari n'umutungo bya Sena;
- Hakurikiranwe ishyirwa mu bikorwa ry'imbonerahamwe y'inzego z'imirimo za Sena;
- Hakiriwe abashyitsi basuye Sena, baba ab'imbere mu Gihugu no hanze y'Igihugu;
- Hakurikiranwe ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari ya Sena 2021-2022;
- Gushyikirana n'izindi nzego z'ubutegetsi mu gihe cyose byabaye ngombwa;
- Guhagararira Sena mu butumwa mu gihugu cyangwa mu mahanga;
- Biro ya Sena yakoze kandi ibikorwa byo guhuza gahunda zo kongerera ubushobozi Abasenateri n'abakozi, harimo:
    - ♦ Gahunda y'amahugurwa mu rurimi rw'Icyongereza yateguwe na Sena, yatangiye ku itariki ya 18/10/2021;

- ♦ Amahugurwa y'abagize Inteko Ishinga Amategeko ku micungire ya Politiki z'Iterambere ry'Ubukungu hitabwa ku Ihame ry'Uburinganire, yabaye kuva ku wa 08 – 10 Ukuboza 2022;
- ♦ Amahugurwa kuri politiki y'ububanyi n'amahanga n'uruhare rw'Inteko Ishinga Amategeko mu gushyira mu bikorwa iyo politiki binyuze muri "parliamentary diplomacy", hagamijwe gutsura iterambere ry'u Rwanda no gukomeza kurushakira inshuti, yabaye ku wa 22 Ugushyingo 2021;
- ♦ Amahugurwa y'abagize Biro za Komisiyo z'Imitwe Yombi y'Inteko na Komite nyobozi z'Amahuriro y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, ku nshingano z'Amahuriro n'uburyo bwo kuvugurura imikorere yayo, buzatuma agira inyongeragaciro mu kurangiza inshingano z'Inteko Ishinga Amategeko, yabaye ku wa 22/10/2021;
- ♦ Amahugurwa ya "induction" Biro ya Sena yateguriye abakozi ba Sena nyuma yo gushyirwa mu myanya mu mbonerahamwe nshya y'imirimo ya Sena, yabaye ku wa 10 Kamena 2022;
- ♦ Amahugurwa ku nshingano n'imikorere by'Inteko zishinga Amategeko, yateguwe n'Inteko Ishinga Amategeko y'Intara ya Wallonie-Bruxelles yo mu Bubiligi, yitabiriwe n'abakozi 13 ba Sena hifashishijwe ikoranabuhanga, kuva ku itariki ya 20-23/09/2021.


- Mu bijyanye no kwakira raporo ya "Audit Committee" y'Inteko Ishinga Amategeko, no gukurikirana imikorere y'umugenzuzi bwite wa Sena, mu 2021/2022, Biro ya Sena yakiriye kandi isuzuma raporo za "Audit Committee" na raporo z'Umugenzuzi bwite wa Sena ku igenzura ry'imicungire y'ingengo y'imari ya Sena mu 2020/2021 no ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibyasabwe (recommandations) n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu bugenzuzi bwakozwe mu myaka yabanje;
- Biro ya Sena yakurikiranye kandi imirimo ijyanye n'itegurwa ry'igenamigambi rya Sena, ingengo y'imari ya Sena na gahunda y'amasoko by'umwaka wa 2022/2023;
- Mu 2021/2022, Biro ya Sena yakurikiranye itegurwa ry'umushinga w'inyigo yo kwagura inyubako ya Sena, yakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiturire, iyo nyingo ikaba yaragejejwe kuri Minisitiri w'Intebe, ku itariki ya 19 Nyakanga 2022, kugira ngo izashyirwe mu igenamigambi kandi ishakirwe ingengo y'imari.

### *I.3.1. Inama za Biro*

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 79, inama ya Biro ya Sena iterana rimwe mu cyumweru n'igihe cyose bibaye ngombwa. Ibyemezo by'inama ya Biro ya Sena bifatwa

ku bwumvikane busesuye bw'abayigize.


*Ishusho 4: Inama za Biro zateranye*




*Aho byavuye: Raporo za Biro ya Sena (Nyakanga 2021-Kamena 2022)*

Mu mwaka wa 2021/2022, Biro ya Sena yateranye mu nama zayo inshuro mirongo itatu n'eshanu (35) isuzuma kandi ifata ibyemezo ku ngingo zitandukanye zabaga ziri ku murongo w'ibyigwa.


*Ishusho 5: Ibyemezo byafashwe na Biro*



*Aho byavuye: Raporo za Biro ya Sena ( Nyakanga 2021-Kamena 2022)*

Mu mwaka wa 2021-2022, Biro ya Sena yafashe ibyemezo magana abiri makumyabiri na bitatu (223).

*Ishusho 6: Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo bya Biro ya Sena*




*Aho byavuye: Raporo za Biro ya Sena ( Nyakanga 2021-Kamena 2022)*

Nk'uko bigaragara mu ishusho iri haruguru, Biro ya Sena mu mwaka wa 2021-2022 yafashe Ibyemezo 223, muri byo 216 bihwanye na 97% byashyizwe mu bikorwa birarangira, naho ibyemezo 07 bingana na 3% biracyakurikiranwa.

### *I.3.2. Kwakira no kugenzura inyandiko z'umutungo z'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi*

Nk'uko biteganywa mu Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 80, Urwego rw'Umuvunyi rugeza kuri Biro ya Sena inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagomba kugaragaza imitungo yabo.

Mu mwaka wa 2021/2022, Biro ya Sena yagenzuye ko amakuru yashyikirijwe akubiye mu nyandiko menyekanishamutungo z'umwaka wa 2020/2021 ku mitungo yose igaragazwa n'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije n'iy'abandi bayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi (ubutaka, amazu, ibinyabiziga, imigabane n'imyenda afitiwe), ahuye n'ukuri.

## I.4. Komisiyo zihoraho za Sena

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, Sena ifite Komisiyo zihoraho enye (4) zikurikira:

- Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere;

- Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu;
- Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari;
- Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano.

Komisiyo zihoraho za Sena zihuriye ku nshingano zikurikira ziteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 86:

- Kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo;
- Gusuzuma imishinga y'amategeko;
- Kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;
- Gusuzuma dosiye zerekeye iyemezwa ry'abayobozi;
- Gusuzuma raporo z'ibikorwa by'inzego za Leta zishyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko;
- Gusuzuma ibibazo by'abaturage byashyikirijwe Sena.

Hashingiwe ku nshingano zihuriweho n'inshingano zihariye, Komisiyo zihoraho za Sena zakoze ibikorwa byari biteganyijwe mu iteganyabikorwa ryazo mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021/2022.

Nk'uko byagarutsweho haruguru, ku itariki ya 08 Kamena 2022, Komisiyo zahinduriwe abazigize nk'uko biteganywa n'ingingo ya 22 y'Itegeko Ngenga n˚007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena.

Umugereka wa 3 ugaragaza abagize Komisiyo zihoraho za Sena mbere y'itariki ya 08 Kamena 2022 na nyuma yayo.

### I.5. Komite igenzura imikorere ya Sena, imyitwarire, imyifatire n'ubudahangarwa by'Abasenateri

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 30, Sena yitoramo Komite igizwe n'Abasenateri nibura batanu (5) hitawe ku byiciro bitandukanye bigize Sena iyo bishoboka. Nk'uko biteganywa n'iyo ngingo, Komite igira Biro igizwe na Perezida na Visi Perezida.

Mu mwaka wa 2021-2022, Komite yakoze ibikorwa byari biteganyijwe mu iteganyabikorwa ryayo ry'umwaka w'ingengo y'imari wa 2021/2022.

Umugereka wa 4 ugaragaraho Abasenateri bagize Komite muri manda ya gatatu ya Sena mbere y'itariki ya 08 Kamena 2022 na nyuma yayo.

## I.6. Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena

Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena bugizwe n'inzego z'imirimo za Sena ziyifasha kurangiza neza inshingano zayo. Inzego zose z'imirimo za Sena zikuriwe n'Umunyamabanga Mukuru, zikagenzurwa na Biro ya Sena[3].

Ku birebana n'ibyakozwe n'inzego z'imirimo za Sena, izo nzego, zagize uruhare mu kunganira Abasenateri kugira ngo barangize neza inshingano zabo. By'umwihariko inzego z'imirimo zakoze ibi bikurikira:

- ✓ Kugira inama Biro ya Sena mu byerekeye imikorere ya Sena;
- ✓ Gutegura inama z'Inteko Rusange no gukora inyandiko mvugo n'inyandiko zivunaguye z'inama z'Inteko Rusange;
- ✓ Gutegura inama tekiniki (briefings) ku mishinga y'amategeko yohererejwe Sena mbere y'uko isuzumirwa ishingiro, ku itegurwa ry'ibikorwa bya Komisiyo birebana no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma no kuri raporo z'ibikorwa z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga ko zigeza raporo zazo ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe Yombi;
- ✓ Kunganira Komisiyo zihoraho za Sena na Komite mu mirimo yazo yose;
- ✓ Gutanga inama mu by'amategeko (legal opinions) ku mishinga y'amategeko, amasezerano y'amasoko n'izindi nyandiko;
- ✓ Gutegura iteganyabikorwa rya Sena ry'umwaka wa 2022/2023;
- ✓ Kunganira mu itegurwa ry'inama zikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga mu rwego rwo kwirinda ikwirakwizwa ry'Icyorezo cya COVID-19;
- ✓ Kumenyekanisha buri munsi ibikorwa na gahunda bya Sena;
- ✓ Kwita ku micungire myiza y'imari, umutungo n'Abakozi;
- ✓ Kwakira no kuyobora abagana Sena ndetse no gukora ishyinguranyandiko ry'inyandiko za Sena.

By'umwihariko ku itariki ya 3 Werurwe 2022, Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena bwashyize mu bikorwa ibikubiye mu Iteka rya Perezida nº118/01 ryo ku wa 02/12/2021 rishyiraho imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya Sena, rikanagena imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi bayo.

Ni muri urwo rwego, bamwe mu bakozi ba Sena bujuje ibisabwa n'amategeko bagumye mu myanya yabo, abandi bahindurirwa imirimo ku buryo buhoraho cyangwa bw'indagizo (interim), hari n'abasezerewe kubera ko imyanya barimo yavanywe mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya Sena cyangwa batujuje ibisabwa kugira ngo bashyirwe mu yindi myanya.

*3 Ingingo ya 33 y'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena*

# II. IBYAKOZWE NA SENA HAKURIKIJWE INSHINGANO N'UBUBASHA BYAYO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 2, Sena ifite kandi inshingano zihariye zikurikira: kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga, kugenzura imikorere y'imitwe ya politiki, no guha Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta, mbere y'uko wemezwa burundu.

Sena kandi ijya impaka ku mategeko ikanayatora, imenya ikagenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma mu buryo buteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 n'Itegeko ngenga rigena ibigomba gukurikizwa mu kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma.

Mu ngingo ya 3 y'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, hateganyijwe ububasha bwa Sena mu birebana no kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi ndetse no gutanga inama ku bibazo bikomereye Igihugu biri mu nshingano zayo.

## II.1. Kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 172, Sena imenyekanisha amahame remezo ateganywa n'ingingo ya 10 y'Itegeko Nshinga kugira ngo Abanyarwanda n'abandi bafatanyabikorwa bayasobanukirwe.

Nk'uko kandi biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 173, Sena yakomeje kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo haba mu kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi, kumenya no kugenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma, kungurana ibitekerezo muri Komisiyo n'abahagarariye Guverinoma, isuzumwa rya raporo z'ibikorwa bya Komisiyo z'Igihugu cyangwa iby'Inzego za Leta zashyikirijwe Inteko Ishinga Amategeko muri rusange no gutanga ibitekerezo ku mushinga w'itegeko ryerekeye ingengo y'imari ya Leta.

## II.2. Gutanga ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 162 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, "mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa burundu, Sena igomba gushyikiriza Umutwe w'Abadepite icyo ivuga ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta".

Sena kandi, nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n° 12/2013/OL ryo kuwa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta, mu ngingo zaryo ya 32 n'iya 41, itanga ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'itegeko ry'ingengo y'imari no ku mushinga w'ivugururwa ry'ingengo y'imari.

Mu mwaka wa 2021/2022, Sena yagejeje ibitekerezo byayo ku Mutwe w'Abadepite hashingiwe ku nyandiko zikurikira:

- Umushinga w'Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°031/2021 ryo ku wa 30/06/2021 rigena ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2021/2022;
- Imbanzirizamushinga y'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta y'igihe giciriritse (Budget Framework Paper) hamwe n'imibare y'ikigereranyo cy'ingengo y'imari ya 2022/2023-2024/2025;
- Umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2022-2023.

Ibitekerezo byateguwe na Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, inifashisha ibitekerezo byatanzwe n'izindi Komisiyo zihoraho za Sena, byemezwa n'Inteko Rusange. Ibyo bitekerezo byatanzwe nyuma yo gusesengura politiki, ingamba n'imirongo migari ingengo y'imari ishingiyeho. Harebwe kandi ko isaranganywa ry'ingengo y'imari ya Leta ryita ku mahame remezo Igihugu cyiyemeje kugenderaho no gutuma yubahirizwa.

### II.3. Kwemeza ishyirwaho ry'Abayobozi

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 86 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Sena ifite ububasha bwo kwemeza ishyirwaho ry'Abayobozi bateganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

Muri rusange mu mwaka wa 2021/2022, Sena yemeje ishyirwaho ry'abayobozi cumi na bane (14) barimo Abayobozi b'Ibigo bya Leta icyenda (09), ba Ambasaderi babiri (02), Guverineri umwe (01), Umucamanza umwe (01), n'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta umwe (01).

*Ishusho 7: Abayobozi bemejwe na Sena*




*Aho byavuye: Raporo za Sena z'ibihembwe by'umwaka wa 2021/2022*

Raporo zirambuye zijyanye no kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi bo mu nzego za Leta nk'uko zagiye zikorwa na Komisiyo zihoraho za Sena zigaragara mu bubiko bw'inyandiko za Sena.

Urutonde rw'Abayobozi bemejwe na Sena ruri ku mugereka wa 5 w'iyi raporo.


## II.4. Gusuzuma no gutora amategeko

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 64 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015, Sena, nk'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, ijya impaka ku mategeko ikanayatora.

Mu mwaka wa 2021/2022, Sena yasuzumye amategeko ngenga abiri (02) akurikira:

- Itegeko ngenga rihindura Itegeko Ngenga nº 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora (29/09/2021);
- Ishingiro ry'umushinga w'itegeko ngenga rigena ibigomba gukurikizwa mu kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

*Ishusho 8:* Amategeko yatowe na Sena




*Aho byavuye: Raporo za Sena z'ibihembwe by'umwaka wa 2021/2022*

Nk'uko bigaragara muri iki gishushanyo, Sena mu mwaka wa 2021/2022 yasuzumye amategeko Ngenga abiri (2).

**Icyitonderwa**: Itegeko Ngenga rigenga amatora ryaratowe riratangazwa naho Itegeko Ngenga rigena ibigomba gukurikizwa mu kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma riracyasuzumwa n'Inama y'Abaperezida.

## II.5. Kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma

Mu rwego rwo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, abagize Sena bashobora kubaza Minisitiri w'Intebe mu magambo cyangwa mu nyandiko, agasubiza ubwe, iyo ari ibibazo byerekeye Guverinoma yose cyangwa Minisiteri nyinshi icyarimwe cyangwa agasubirizwa n'abagize Guverinoma bireba nk'uko biteganywa n'ingingo ya 131 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015. Sena ishobora na none gushyiraho za Komisiyo zishinzwe kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

### *II.5.1. Kugezwaho na Minisitiri w'Intebe gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma*

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 133 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, rimwe mu gihembwe cy'Inteko Ishinga Amategeko, Minisitiri w'Intebe aza gusobanurira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ibikorwa bya Guverinoma.

Mu mwaka wa 2021/2022, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yagejeje ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ku ngingo zikurikira:

- Ibikorwa bya Guverinoma byo guteza imbere amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro - TVETs and Polytechnics (22 Nyakanga 2021);
- Ibikorwa bya Guverinoma bijyanye na gahunda yo gukingira abaturage COVID-19 (03 Ukuboza 2021);
- Ibikorwa bya Guverinoma bijyanye na gahunda yo kugeza ku baturage inyongeramusaruro zo mu rwego rw'ubuhinzi (04 Mata 2022).

*Ifoto 3: Minisitiri w'Intebe ageza gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ku bagize Inteko Ishinga Amategeko*



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

### *II.5.2. Ibikorwa bya Komisiyo za Sena bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma*

Komisiyo zihoraho za Sena zakoze ibikorwa byo kumenya no kugenzura ibikorwa n' imikorere bya Guverinoma zikoresheje uburyo butandukanye, harimo kugirana ibiganiro n'inzego zitandukanye no gusura imishinga n'ibikorwa biri muri gahunda za Leta hirya no hino mu Gihugu.

Nyuma y'uko Komisiyo zihoraho za Sena zigejeje ku Nteko Rusange raporo ku bikorwa binyuranye bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n' imikorere bya Guverinoma hafashwe imyanzuro yashyikirijwe Guverinoma harimo n'iyo gutumiza abahagarariye Guverinoma kugira ngo batange ibisobanuro mu magambo ku bibazo binyuranye.

Umugereka wa 6 ugaragaza ibikorwa byo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma Komisiyo zihoraho zakoze.

### *II.5.3. Kubaza mu magambo*

Mu mwaka wa 2021-2022, ku wa 09/06/2022, Inteko Rusange ya Sena yagejejweho ibisobanuro mu magambo n'uhagarariye Guverinoma, Ministiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ku ngamba ziteganyijwe zo gukemura ibibazo bigaragara mu midugudu y'icyitegererezo n'isanzwe Leta yatujemo abantu banyuranye badafite aho baba.

*Ifoto 4: Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ageza ibisobanuro mu magambo ku Nteko Rusange*




*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

Nyuma yo kugezwaho ibisobanuro, Inteko Rusange yaranyuzwe.

### II.6. Gusuzuma raporo z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 183, Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda n'andi mategeko, zishyikiriza mu nyandiko raporo yazo Inteko Ishinga Amategeko buri mwaka.

Izo nzego zigeza kandi raporo yazo mu magambo ku Mitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko iteraniye hamwe. Izo nzego ni izi zikurikira:

1. Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
2. Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta;
3. Urwego rw'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;
4. Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere;
5. Urwego rw'Umuvunyi;
6. Banki Nkuru y'u Rwanda.

Nyuma yo kugezwa ku Nteko Rusange y'Imitwe yombi, izo raporo zashyikirijwe Komisiyo za Sena zibifite mu nshingano, zirazisesengura, nyuma zigeza raporo ku Nteko Rusange ya Sena, nayo izifataho imyanzuro yashyikirijwe inzego bireba.

Umugereka wa 7 ugaragaza igihe Inzego bireba zagejeje ku Nteko Ishinga Amategeko raporo z'ibikorwa by'umwaka byazo.

## II.7. Guhagararira abaturage

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 65 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, umuntu wese mu bagize Inteko Ishinga Amategeko aba ahagarariye Igihugu cyose, ntabwo aba ahagarariye gusa abamutoye cyangwa abamushyizeho, cyangwa se umutwe wa politiki wamutanzeho umukandida mu matora.

Nk'uko biteganywa na none n'ingingo ya 124 y'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, buri Musenateri afite inshingano yo gusura abaturage kugira ngo amenye ibibakorerwa n'ibyo bigezaho kandi anamenye ibibazo bafite.

Ni muri urwo rwego, Abasenateri basuye abaturage n'ibikorwa hirya no hino mu gihugu, hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda ikwirakwizwa ry'Icyorezo cya COVID-19 yagiye ashyirwaho na Guverinoma n'inzego z'ubuzima.

# III. IMIKORANIRE YA SENA N'IZINDI NZEGO NO GUTSURA UMUBANO N'UBUTWERERANE N'IZINDI NTEKO ZISHINGA AMATEGEKO

## III.1. Imikoranire ya Sena n'Umutwe w'Abadepite

Imikoranire y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015. Iteganywa kandi n'Itegeko Ngenga rigenga imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. Muri uru rwego hakozwe ibi bikurikira:

- Inama zihuza Inteko Rusange z'Imitwe yombi zarateranye nk'uko amategeko abiteganya;
- Biro z'Imitwe yombi nazo zarateranye, zungurana ibitekerezo ku bireba imigendekere y'imirimo y'Inteko Ishinga Amategeko.

## III.2. Imikoranire n'izindi nzego zo mu Gihugu

Abagize Sena bitabiriye inama n'ibiganiro nyunguranabitekerezo byaba ibyateguwe n'Inteko Ishinga Amategeko (Imitwe yombi), izateguwe n'Umutwe w'Abadepite cyangwa izindi nzego.

Nk'uko biteganywa n'amategeko, Abasenateri bitabiriye imihango itandukanye ijyanye n'irahira ry'Abagize Guverinoma n'abandi Bayobozi Bakuru amategeko ateganya ko barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika.

Abagize Inteko Ishinga Amategeko bitabiriye hirya no hino mu Gihugu ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 28 Jenoside yakorewe Abatutsi birimo: umuhango wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi wabereye i Save mu Karere ka Gisagara witabiriwe na Nyakubahwa Perezida wa Sena n'uwabereye mu Birambo mu Karere ka Karongi, witabiriwe na Visi Perezida wa Sena ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

## III.3. Gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi Bihugu n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 204, Sena ishobora gutsura umubano n'Inteko zishinga Amategeko z'ibindi bihugu n'imiryango mpuzamahanga ihuza Inteko zishinga Amategeko, bigakorwa hashingiwe kuri politiki y'Igihugu y'ububanyi n'amahanga.

Ni muri urwo rwego mu 2021-2022, Sena yakoze byinshi birimo:

- Kunoza imikorere y'amatsinda y'ubucuti, ndetse no gushyira Abagize Inteko Ishinga

Amategeko (Imitwe yombi), mu matsinda y'Ubucuti, bikaba byaremejwe n'inama ya Biro zombi yateranye ku wa 16 Gashyantare 2022;

- Imikoranire ya Sena n'izindi Nteko Zishinga Amategeko z'Imiryango u Rwanda rurimo;
- Kwitabira inama mpuzamahanga z'abagize Inteko Zishinga Amategeko (hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga cyangwa kujyayo);
- Kwakira abashyitsi batandukanye baturutse imbere mu gihugu cyangwa mu bihugu by'amahanga.

### *III.3.1. Inama Mpuzamahanga z'Abagize Inteko Zishinga Amategeko*

Abagize Sena bitabiriye inama mpuzamahanga zabereye mu Rwanda, zikurikira:

- Inama ya 77 ya Komite Nshingwabikorwa (Executive Committee) ya UPA, yabereye i Kigali, kuva ku wa 10 - 11 Werurwe 2022;
- Inama ya 17 y'Abaperezida b'Inteko Zishinga Amategeko z'Ibihugu biri mu Muryango wa Commonwealth (17th Conference of Speakers and Presiding Officers of the Commonwealth - Africa Region - CSPOC), kuva ku wa 17 kugeza ku itariki ya 28 Ugushyingo 2021.

Ikindi ni uko u Rwanda rwemerewe kuzakira Inteko Rusange ya 145 ya IPU kuva ku wa 11 – 15 Ukwakira 2022. Imyiteguro yo kwakira iyo nama igeze kure.

## III.4. Ubutumwa mu mahanga

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 204, Sena itsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi Bihugu n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko. Ibi bikorwa hashingiwe kuri politiki y'Igihugu y'ububanyi n'amahanga.

Ni muri urwo rwego, Abagize Sena bakoze zimwe mu ngendo z'akazi zikurikira:

- Nyakubahwa Perezida wa Sena, hifashishijwe ikoranabuhanga, yifatanyije n'Abanyarwanda batuye muri Canada kwizihiza ku nshuro ya 27 isabukuru yo Kwibohora, ku itariki ya 10 Nyakanga 2021;
- Inama ya "Climate Parliament" yitabiriwe na Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia ,hifashishijwe ikoranabuhanga, ku itariki ya 14 Nyakanga 2021;
- Inama ya "CPA- Africa Region", ku nsanganyamatsiko: "Women Parliamentarians in building resilience to more confidently participate in their parliamentary business", yabaye ku itariki ya 15 Nyakanga 2021;
- Inama ya 8 ya Komisiyo ya FP-ICGLR y'Amahoro n'Umutekano, yateranye

hifashishijwe ikoranabuhanga, yitabiriwe na Senateri Dr. HAVUGIMANA Emmanuel, ku wa 22/07/2021;

- Nyakubahwa Perezida wa Sena n'itsinda yari ayoboye, bitabiriye inama ya 5 y'Abayobozi b'Inteko Zishinga Amategeko ku Isi, yabereye i Vienna muri Austria guhera tariki ya 07 kugeza ku ya 09 Nzeri 2021;
- Inama ya 51 y'Ihuriro ry'Inteko zishinga Amategeko muri Afurika z'Ibihugu bigize Umuryango Commonwealth (51st Regional Conference and Annual General Meeting of the CPA-African Region), yitabiriwe n'intumwa, zirimo Hon. Prof. NIYOMUGABO Cyprien, yabereye i Abuja, muri Nigeria, kuva ku wa 08 – 14 Ugushyingo 2021;
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Sena ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma n'intumwa yari ayoboye, bitabiriye Inama ya 143 y'Ihuriro mpuzamahanga ry'Inteko zishinga Amategeko (IPU), yabereye i Madrid, muri Espagne, kuva ku wa 23/11 – 01/12/2021;
- Inama ya 13 y'Abaperezida b'Inteko zishinga Amategeko z'Ibihugu by'Afurika bigize umuryango wa Francophonie (13th Conference of Speakers of Assemblies and sections of the Parliamentary Assembly of La Francophonie - Africa Region), yitabiriwe n'intumwa zirimo Senateri Dr. NYINAWAMWIZA Laetitia, yabereye i Djibouti, muri Djibouti, kuva ku wa 16 - 17 Werurwe 2022;
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Sena ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma yitabiriye inama rusange ya IPU yabereye i Bali, muri Indonesia, hagati y'itariki ya 20 na 24/03/2022;
- Nyakubahwa Perezida wa Sena n'intumwa yarayoboye bitabiriye Inama rusange y'Ihuriro FP-ICGLR, yabereye i Nairobi, muri Kenya, kuva ku wa 02 – 06 Mata 2022;
- Inama mpuzamahanga yerekeye Uruhare rw'Inteko zishinga Amategeko mu gushyigikira abagizweho ingaruka n'iterabwoba (High-Level Conference on Parliamentary Support to Victims of Terrorism), yitabiriwe na Hon. UWIZEYIMANA Evode, yabereye i Roma, mu Butaliyani, kuva ku wa 05 – 09 Kamena 2022;
- Inama ya 52 y'Ihuriro ry'Inteko zishinga Amategeko z'Ibihugu bya Commonwealth muri Afurika (52nd Regional Conference and Annual General Meeting of CPA), yitabiriwe n'intumwa zari ziyobowe na Hon. Prof. NIYOMUGABO Cyprien, yabereye i Freetown, muri Sierra Leone kuva ku wa 06 – 08 Kamena 2022;
- Inama mpuzamahanga yateguwe na IPU n'Inteko Ishinga Amategeko ya Turukiya, ku byerekeye uruhare rw'Inteko Zishinga Amategeko mu guteza imbere ubufatanye mpuzamahanga ku kibazo cy'impunzi n'abimukira (Parliaments and the Global Compacts on Migration and Refugees: How to bring about stronger international cooperation and national implementation), yitabiriwe n'Intumwa zari ziyobowe na Nyakubahwa Visi Perezida wa Sena, Hon. Dr. MUKABARAMBA Alvera, yabereye

Istanbul, muri Turukiya, kuva kuwa 20 – 21 Kamena 2022;


- Inama rusange y'Inteko Nshingamategeko Nyafurika (PAP), yitabiriwe n'intumwa zirimo Senateri UWERA Pelagie na Senateri BIDERI John Bonds, yabereye i Midland, Johannesburg, muri Afurika y'Epfo, kuva kuwa 27 Kamena kugera ku wa 02 Nyakanga 2022.

Muri izo nama, abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda baboneraho umwanya wo kugaragaza isura nyayo y'u Rwanda, guhanahana ubunararibonye no gukora ubuvugizi.

### III.5. Abashyitsi basuye Sena

Mu mwaka wa 2021/2022, Sena yasuwe n'abashyitsi batandukanye barimo: Abagize Inteko Zishinga Amategeko zo mu bihugu bitandukanye, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, abakozi b'Inteko Zishinga Amategeko z'amahanga n'abaturuka mu zindi nzego.

*Ishusho 9: Abashyitsi basuye Sena*




*Aho byavuye: Raporo za Serivisi za Protocole muri Sena*

Nk'uko bigaragara mu gishushanyo kiri hejuru, mu mwaka wa 2021/2022, Sena yakiriye abashyitsi cumi na batandatu (16), barimo intumwa zaturutse mu Nteko zishinga Amategeko (05), abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda (8) n'abandi bashyitsi baturutse mu Nzego zitandukanye (3).

Umugereka wa 8 ugaragaza urutonde rw'abashyitsi basuye Sena

*Ifoto 5:* Biro ya Sena yakira Ambasaderi w'Ubufaransa mu Rwanda



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

## IV. IBYAGEZWEHO N'AMAHURIRO ASHAMIKIYE KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 114, Sena ishobora gushyiraho Amahuriro y'Abasenateri ku mpamvu zihariye. Buri Musenateri ashobora kuba mu Ihuriro rimwe cyangwa menshi mu mahuriro yashyizweho na Sena. Icyakora, nta mahuriro y'Abasenateri arashyirwaho.

Ingingo ya 192 y'iryo Tegeko Ngenga iteganya kandi ko hashobora kujyaho amahuriro ahuriyemo Abasenateri n'Abadepite. Amahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko ni aya akurikira:

- Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira Imibereho myiza y'abaturage n'Iterambere (RPRPD);
- Ihuriro rikumira jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF);
- Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko baharanira kurwanya Ruswa (APNAC);
- Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP).

### IV.1. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira imibereho myiza y'abaturage n'iterambere (RPRPD)

Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira Imibereho myiza y'Abaturage n'Iterambere (RPRPD) ryita cyane cyane ku bibazo by'ubwiyongere bw'abaturage, ubuzima bw'imyororokere, kuringaniza imbyaro no kurwanya Icyorezo cya Sida.

Iby'ingenzi byakozwe ni ibi bikurikira:

- Hakozwe inama yo kuganira n'Umujyi wa Kigali n'Uturere tw'Imijyi yunganira Umujyi wa Kigali, mu rwego rwo kurebera hamwe uburyo imyubakire n'ibikorwa remezo bitandukanye byita ku ngaruka z'ubwiyongere bw'abaturage no kubungabunga ibidukikije ku buryo burambye.
- Hasuwe Uturere twose tw'Igihugu mu rwego rwo kumenya uko Ibigo Nderabuzima, Amashuri n'Ibigo by'Urubyiruko bikurikirana uko Serivisi z'ubuzima bw'imyororokere zigezwa ku rubyiruko ruzikeneye;
- Hitabiriwe inama n'ibiganiro mu bihe bitandukanye:

  - Inama y'Ihuriro rishinzwe kurwanya SIDA, igituntu na malariya ry'Umuryango w'Inteko Zishinga Amategeko z'Ibihugu bikoresha Ururimi rw'Igifaransa « Réunion du Réseau Parlementaire de Lutte contre le VIH SIDA, la tuberculose et le paludisme de l'Assemblée Parlementaire de la Francophonie (APF) »;
  - Inama yateguwe na PPD (Partners in Population and Development-Africa Regional Office) ifatanyije n'Ihuriro ry'Abagize Inteko zishinga Amategeko z'Afurika bagize Komite zita ku Buzima NEAPAOH (Network of African Parliamentary Committees on Health). Inama yari igamije kuganira kuri gahunda zihari zigamije gufasha kugera ku ntego z'Inama Mpuzamahanga ku Baturage n'Iterambere/ICPD ndetse n'Intego z'Iterambere rirambye SDGs n'uruhare rw'Abagize Inteko Ishinga Amategeko;
  - Inama nyunguranabitekerezo ku "Uruhare rw'Abikorera (Private Sector) mu gutuma Amavuriro mato (Health Posts) beguriwe arushaho kwegereza abaturage serivisi z'ubuzima bw'ibanze'';
  - Inama yateguwe n'Imiryango itari iya Leta yita ku kurwanya icyorezo cya SIDA no guteza imbere ubuzima-RNGOF on HIV/AIDS & HP;
  - Inama yo kumurika ku mugaragaro Raporo y'uko Abaturage b'Isi bahagaze mu mwaka wa 2022. Ku rwego rw'u Rwanda hakaba hari insanganyamatsiko igira iti: ''Gushakira umuti ikibazo cy'inda ziterwa abangavu : Duhuze imbaraga twongere ibikorwa! ''.

- Ihuriro RPRPD ryakiriye itsinda ry'Abadepite batatu bagize Inteko Ishinga Amategeko ya Zimbabwe, abakozi babunganira ndetse n'abagize GLIHP (Great Lakes Initiative for Human Rights & Development) baje mu ruzinduko rw'iminsi ine mu Rwanda, rwari rugamije kwigira ku bunararibonye bw'u Rwanda ku bijyanye na politiki ndetse n'amategeko birebana n'ubuzima bw'imyororokere;
- Hitabiriwe umwiherero mu Karere ka Rubavu w'abagize Komite Mpuzabikorwa ya RPRPD n'abagize itsinda ryatangije umushinga w'itegeko ry'ubuzima

bw'imyororokere;

- Hitabiriwe amahugurwa y'abagize Inzego z'amahuriro, ku bijyanye n'imikorere mishya y'amahuriro y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko.

### IV.2. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira Jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF)

Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira Jenoside ryashinzwe ku wa 08 Gicurasi 2015 rifite intego yo gukumira Jenoside muri rusange no kurwanya ipfobya n'ihanakana bya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu mwaka wa 2021/2022, Ihuriro AGPF ryakoze ibikorwa bikurikira:

- Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye b'Ihuriro, hatanzwe ibiganiro kuri Radiyo Rwanda Inteko, bigamije kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, Ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi;
- Kuva 18-19/2/2022, hatanzwe ibiganiro mu mashuri yisumbuye bigamije gusobanurira abanyeshuri n'abarimu babo amateka ya "Ndi Umunyarwanda"
- Hakozwe igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 28 Jenoside yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, mu buryo bukurikira:

    - ✓ Hasuwe inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi arizo: Gisozi Memorial site mu Karere ka Gasabo na Ntarama mu Karere ka Bugesera;
    - ✓ Hanitabiriwe umugoroba wo kwibuka ku Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, hatangirwa ibiganiro bitandukanye bijyanye no kwibuka ku nshuro ya 28 Jenoside yakorewe Abatutsi;
    - ✓ Hateguwe igikorwa cyo gusura Intwaza mu ngo z'Impinganzima hagamije gukomeza kubegera no kubafata mu mugongo mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 28 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

- Hitabiriwe amahugurwa y'abagize Inzego z'amahuriro, ku bijyanye n'imikorere mishya y'amahuriro y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko.

### IV.3. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda rigamije gukumira no kurwanya ruswa (APNAC-Rwanda)

APNAC-RWANDA ni Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda rigamije gukumira no kurwanya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo.

Mu mwaka wa 2021/2022, APNAC-Rwanda, ku bufatanye n'abafatanyabikorwa, yakoze ibikorwa byo gukumira no kurwanya ruswa n'ibindi bikorwa bikurikira:

- Ihuriro APNAC Rwanda, k'ubufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi ryizihije

umunsi Nyafurika wo kurwanya ruswa uba buri mwaka ku wa 11 Nyakanga. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka yari: "Imiryango y'Akarere ishingiye ku bukungu: Uruhare rwayo mu ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yo gukumira no kurwanya ruswa";

- Ihuriro APNAC Rwanda ryasuye amashuri yisumbuye, hagamijwe kurushaho kugaragaza ububi bwa ruswa, rihereye mu rubyiruko;
- Hakozwe igikorwa cyo gusura Uturere, hagamijwe kumenya neza imikorere y'Inama ngishwanama zo kurwanya ruswa, imbogamizi zihari n'uburyo zakurwaho;
- Hakozwe igikorwa cyo guhura n'inzego, hagamijwe kumenya neza no gusesengura uko amakuru kuri ruswa atangwa, imbogamizi zirimo n'uko zakurwaho;
- Hakiriwe intumwa ziturutse mu Gihugu cya ANGOLA (Delegation of the General Inspectorate of State Administration of Angola-IGAE);
- Hitabiriwe inama ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yari ifite insanganyamatsiko: "Séminaire sur la corruption et les droits de l'homme" aho Ihuriro ryagize uruhare mu gutanga ikiganiro ku nsanganyamatsiko "le rôle du Parlement dans la prévention et la lutte contre la corruption";
- Hitabiriwe amahugurwa y'abagize Inzego z'amahuriro, ku bijyanye n'imikorere mishya y'amahuriro y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko.

### IV.4. Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP)

Ihuriro FFRP ni rimwe mu mahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko, rifite icyerekezo cy'Umuryango Nyarwanda wunze ubumwe.

Mu mwaka wa 2021-2022, iby'ingenzi byakozwe ni ibi bikurikira:

- Hitabiriwe umwiherero w'Abagize Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko, wabaye kuva 28-30 Mutarama 2022;
- Mu rwego rwo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Umugore, kuwa 08 Werurwe 2022, Ihuriro FFRP ryifatanyije n'abaturage mu Turere twose tw'Igihugu mu bikorwa byateguwe, hashingiwe ku nsanganyamatsiko yemejwe igira iti "Uburinganire n'Ubwuzuzanye mu mihindagurikire y'ibihe";
- Hitabiriwe inama nyunguranabitekerezo yateguwe n'Ihuriro ry'Inteko Zishinga Amategeko ku Isi (IPU), ku nsanganyamatsiko irebana no kurwanya gushyingira abana bato yagiraga iti: " Ending Child marriage in the time of Covid-19: What role for Parliaments";
- Ihuriro FFRP rifatanyije na AGPF ryakoze igikorwa cyo gusura intwaza mu ngo z'Impinganzima;

- Hitabiriwe inama nyunguranabitekerezo yateguwe na CPA (Commonwealth Parliamentary Association) ku ishyirwaho ry'Amahuriro y'Abagore bari mu Nteko zishinga Amategeko, Imiterere y'inzego n'imikorere yayo;
- Hitabiriwe inama yatumiwe na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, mu rwego rwo kungurana ibitekerezo kuri gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Ihuriro rya 14 rya Unity Club Intwararumuri;
- Hakozwe igikorwa cyo kwizihiza Yubile y'imyaka 25 Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko rimaze rishinzwe;
- Hitabiriwe amahugurwa y'abagize Inzego z'amahuriro, ku bijyanye n'imikorere mishya y'amahuriro y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko.

# V.IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI YA SENA

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 111, Sena igira ingengo y'imari yayo, kandi ikagira ubwigenge mu micungire y'imari n'abakozi byayo. Amafaranga ateganyijwe mu ngengo y'imari ya Sena ashyirwa kuri konti ya Sena muri Banki Nkuru y'u Rwanda.

Mu mwaka wa 2021/2022, Sena yahawe ingengo y'imari ingana na 4,207,233,338 Frw. Amafaranga yose yakoreshejwe kuva muri Nyakanga 2021 kugeza Kamena 2022 angana na Miliyari 4,003,019,337 Frw bingana na 95,15% by'ingengo y'imari yose.

Iyi ngengo y'imari yakoreshejwe mu gufasha Sena kugera ku nshingano zayo, mu mishahara n'ibindi bigenerwa Abasenateri n'abakozi ba Sena, mu ngendo z'akazi z'Abasenateri n'abakozi babunganira, mu kugura ibikoresho n'ibindi byangombwa bikenerwa mu gufasha Sena kuzuza inshingano zayo.

*Ishusho 10: Ikigero cy'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Se*




*Aho byavuye: Raporo za Sena z'ibihembwe by'umwaka wa 2021/2022*

*Umugereka wa 9 ugaragaza mu buryo burambuye uko ingengo y'imari ya Sena yakoreshejwe mu mwaka wa 2021/2022.*

## VI.UMUSOZO

Muri uyu mwaka wa 2021/2022, Sena yakoze ibikorwa binyuranye bijyanye n'inshingano zayo, zaba izisanzwe ndetse n'iziharIye.

Sena yakomeje kumenyekanisha amahame remezo no kugenzura uko ashyirwa mu bikorwa, binyuze mu bikorwa byayo byose bya buri munsi. Sena kandi yemeje ishyirwaho ry'abayobozi yashyikirijwe na Guverinoma, itanga ibitekerezo ku ngengo y'imari ya Leta, itora amategeko, inakora ibikorwa byo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma. Imyanzuro yagiye ifatwa n'Inteko Rusange yohererejwe Guverinoma kugira ngo ishyirwe mu bikorwa.

Ku bijyanye no kwegera abaturage, uyu mwaka Sena yarushijeho gukora ingendo hirya no hino mu Gihugu, bitewe n'uburyo icyorezo cya COVID-19 cyarushagaho kugenda gicika intege.

Sena kandi yahinduye abagize Komisiyo na Biro zayo, ndetse inavugurura inzego z'imirimo zayo hagamijwe kurushaho kuzamura urwego rw'ibikorwa bya Sena ndetse no kugera ku ntego zikubiye mu igenamigambi ryayo ry'igihe kirekire.

Sena yakiriye abashyitsi batandukanye baganira ku mubano w'u Rwanda n'ibihugu abo bashyitsi baturutsemo. Ibi bikaba byarabaye umwanya mwiza wo kugaragaza isura nyakuri y'u Rwanda mu nzego zose z'ubuzima bw'igihugu.

Ibikorwa byakozwe mu mwaka wa 2021/2022 byagezweho ku bufatanye bw'Inzego za Sena zose, n'izindi nzego n'abafatanyabikorwa bayo muri rusange, babigizemo uruhare.

# IMIGEREKA

*Umugereka wa 1: Abasenateri bagize manda ya 3 ya Sena*

| Nº | Amazina | Uko batowe cyangwa bashyizweho |
|---|---|---|
| 1 | Hon. BIDERI John Bonds | Yatorewe mu Ntara y'Iburasirazuba |
| 2 | Hon. DUSHIMIMANA Lambert | Yatorewe mu Ntara y'Iburengerazuba |
| 3 | Hon. Prof. DUSINGIZEMUNGU J.Pierre | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 4 | Hon. Dr. HABINEZA Faustin | Yatorewe mu Ntara y'Amajyaruguru |
| 5 | Hon. HABIYAKARE François | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 6 | Hon. Dr. HAVUGIMANA Emmanuel | Yatorewe mu Ntara y'Iburengerazuba |
| 7 | Hon. Dr. IYAMUREMYE Augustin | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 8 | Hon. KANZIZA Epiphanie | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 9 | Hon. Prof. KANYARUKIGA Ephrem | Yatowe n'abarimu n'abashakashatsi ba Kaminuza n'amashuri makuru byigenga |
| 10 | Hon. MUGISHA Alexis | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 11 | Hon. Dr. MUKABARAMBA Alvera | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 12 | Hon. MUKAKARANGWA Clotilde | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 13 | Hon. MUPENZI George | Yatorewe mu Ntara y'Iburasirazuba |
| 14 | Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 15 | Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose | Yatorewe mu Ntara y'Iburengerazuba |
| 16 | Hon. Prof. NIYOMUGABO Cyprien | Yatowe n'abarimu n'abashakashatsi ba Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta |
| 17 | Hon. NKURUNZIZA Innocent | Yatorewe mu Ntara y'Amajyepfo |
| 18 | Hon. NKUSI Juvénal | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 19 | Hon. NSENGIYUMVA Fulgence | Yatorewe mu Ntara y'Iburasirazuba |
| 20 | Hon. NTIDENDEREZA William | Yatorewe mu Mujyi wa Kigali |

| | | |
|---|---|---|
| 21 | Hon. Dr. TWAHIRWA André | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 22 | Hon. Dr. NYINAWAMWIZA Laëtitia | Yatorewe mu Ntara y'Amajyaruguru |
| 23 | Hon. NYIRASAFARI Espérance | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 24 | Hon. UMUHIRE Adrie | Yatorewe mu Ntara y'Amajyepfo |
| 25 | Hon. UWERA Pélagie | Yatorewe mu Ntara y'Amajyepfo |
| 26 | Hon. UWIZEYIMANA Evode | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |

*Umugereka wa 2: Abagize Inama y'Abaperezida*

| No | Amazina | Icyo ashinzwe |
|---|---|---|
| Abagize Inama y'Abaperezida mbere yo ku wa 8 Kamena 2022 | | |
| 1 | Hon. Dr. IYAMUREMYE Augustin | Perezida wa Sena |
| 2 | Hon. NYIRASAFARI Espérance | Visi Perezida wa Sena |
| 3 | Hon. Dr. MUKABARAMBA Alvera | Visi Perezida wa Sena |
| 4 | Hon. NKUSI Juvénal | Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari |
| 5 | Hon. Dr. NYINAWAMWIZA Laetitia | Visi Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari |
| 6 | Hon. DUSHIMIMANA Lambert | Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere |
| 7 | Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja | Visi Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere |
| 8 | Hon. BIDERI John Bonds | Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano |
| 9 | Hon. MUKAKARANGWA Clotilde | Visi Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano |
| 10 | Hon. UMUHIRE Adrie | Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu |
| 11 | Hon. Dr. HABINEZA Faustin | Visi Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu |
| 12 | Hon. Prof. DUSINGIZEMUNGU J.Pierre | Perezida wa Komite |
| 13 | Hon. UWERA Pélagie | Visi Perezida wa Komite |

| Abagize Inama y'Abaperezida nyuma yo ku wa 8 Kamena 2022 | | |
|---|---|---|
| 1. | Hon. Dr. IYAMUREMYE Augustin | Perezida wa Sena |
| 2. | Hon. NYIRASAFARI Espérance | Visi Perezida wa Sena |
| 3. | Hon. Dr. MUKABARAMBA Alvera | Visi Perezida wa Sena |
| 4. | Hon. NKUSI Juvénal | Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari |
| 5. | Hon. Dr. NYINAWAMWIZA Laetitia | Visi Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari |
| 6. | Hon. DUSHIMIMANA Lambert | Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere |
| 7. | Hon. UWERA Pélagie | Visi Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere |
| 8. | Hon. Prof. DUSINGIZEMUNGU J.Pierre | Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano |
| 9. | Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja | Visi Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano |
| 10. | Hon. UMUHIRE Adrie | Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu |
| 11. | Hon. Prof. NIYOMUGABO Cyprien | Visi Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu |
| 12. | Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose | Perezida wa Komite |
| 13. | Hon. MUPENZI George | Visi Perezida wa Komite |

*Umugereka wa 3: Abagize Komisiyo za Sena*

| Komisiyo | Abasenateri bagize Komisiyo |
|---|---|
| Abagize Komisiyo mbere yo ku wa 8 Kamena 2022 | |
| Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 1. Hon. BIDERI John Bonds, Perezida |
| | 2. Hon. MUKAKARANGWA Clotilde,Visi Perezida |
| | 3. Hon. Prof. KANYARUKIGA Ephrem |
| | 4. Hon. HAVUGIMANA Emmanuel |
| | 5. Hon.TWAHIRWA André |

| | |
|---|---|
| Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere | 1. Hon. DUSHIMIMANA Lambert, Perezida |
| | 2. Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja, Visi Perezida |
| | 3. Hon. Prof. DUSINGIZEMUNGU J.Pierre |
| | 4. Hon. NSENGIYUMVA Fulgence |
| | 5. Hon. NTIDENDEREZA William |
| | 6. Hon. UWERA Pélagie |
| Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa muntu | 1. Hon. UMUHIRE Adrie, Perezida |
| | 2. Hon. Dr. HABINEZA Faustin, Visi Perezida |
| | 3. Hon. HABIYAKARE François |
| | 4. Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose |
| | 5. Hon. Prof. NIYOMUGABO Cyprien |
| | 6. Hon. KANZIZA Epiphanie |
| Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | 1. Hon. NKUSI Juvénal, Perezida |
| | 2. Hon. Dr. NYINAWAMWIZA Laetitia, Visi Perezida |
| | 3. Hon. MUGISHA Alexis |
| | 4. Hon. MUPENZI George |
| | 5. Hon. NKURUNZIZA Innocent |
| | 6. Hon. UWIZEYIMANA Evode |

| Komisiyo | Abasenateri bagize Komisiyo |
|---|---|
| Abagize Komisiyo nyuma yo ku wa 8 Kamena 2022 | |
| Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 1. Hon. Prof. DUSINGIZEMUNGU J.Pierre |
| | 2. Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja, Visi Perezida |
| | 3. Hon. Dr. HAVUGIMANA Emmanuel |
| | 4. Hon. Dr. TWAHIRWA André |
| | 5. Hon. UWIZEYIMANA Evode |

| | |
|---|---|
| Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere | 1. Hon. DUSHIMIMANA Lambert, Perezida |
| | 2. Hon. UWERA Pélagie, Visi Perezida |
| | 3. Hon. BIDERI John Bonds |
| | 4. Hon. MUPENZI George |
| | 5. Hon. NSENGIYUMVA Fulgence |
| | 6. Hon. NTIDENDEREZA William |
| Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa muntu | 1. Hon. UMUHIRE Adrie, Perezida |
| | 2. Hon. Prof. NIYOMUGABO Cyprien, Visi Perezida |
| | 3. Hon. HABIYAKARE François |
| | 4. Hon. KANZIZA Epiphanie |
| | 5. Hon. MUKAKARANGWA Clotilde |
| | 6. Hon. NKURUNZIZA Innocent |
| Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | 1. Hon. NKUSI Juvénal, Perezida |
| | 2. Hon. Dr. NYINAWAMWIZA Laetitia, Visi Perezida |
| | 3. Hon. Dr. HABINEZA Faustin |
| | 4. Hon. Prof. KANYARUKIGA Ephrem |
| | 5. Hon. MUGISHA Alexis |
| | 6. Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose |

*Umugereka wa 4: Abasenateri bagize Komite*

| No | Amazina | Icyo ashinzwe |
|---|---|---|
| 1. | Hon. Prof. DUSINGIZEMUNGU J.Pierre | Perezida |
| 2. | Hon. UWERA Pélagie | Visi-Perezida |
| 3. | Hon. Dr. HAVUGIMANA Emmanuel | Ugize Komite |
| 4. | Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose | Ugize Komite |
| 5. | Hon. MUPENZI George | Ugize Komite |
| Abagize Komite nyuma yo ku wa 8 Kamena 2022 | | |
| 1. | Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose | Perezida |
| 2. | Hon. MUPENZI George | Visi-Perezida |
| 3. | Hon. HABIYAKARE François | Ugize Komite |

| | | |
|---|---|---|
| 4. | Hon. KANZIZA Epiphanie | Ugize Komite |
| 5. | Hon. Dr. TWAHIRWA André | Ugize Komite |

Umugereka wa 5: Abayobozi bemejwe na Sena mu mwaka wa 2021/2022

| Nº | Amazina | Urwego | Itariki Inteko Rusange yamwemerejeho |
|---|---|---|---|
| 1 | Dr. Emile BIENVENU | Umuyobozi Mukuru (Director General) w'Ikigo gishinzwe kugenzura Ibiribwa n'Imiti mu Rwanda | 17/08/2021 |
| 2 | Bwana BUSINGYE Johnston | Ambasaderi w'u Rwanda mu Bwongereza | 08/09/2021 |
| 3 | Amb. KARITANYI Yamina Claris | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Mine, Peterori na Gazi | 08/09/2021 |
| 4 | Dr. NDAHAYO Fidèle | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe ingufu za Atomike | 08/09/2021 |
| 5 | Bwana KAMUHIRE Alexis | Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta | 19/10/2021 |
| 6 | Madamu UMUTONI Gatsinzi Nadine | Umuyobozi Mukuru w' Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana | 19/10/2021 |
| 7 | Madamu MUKAMURENZI Beatrice | Umucamanza mu Rukiko rw'Ubujurire | 28/12/2021 |
| 8 | Dr. KARANGWA Charles | Umuyobozi Mukuru wa Laboratwari y'u Rwanda y'ibimenyetso bishingiye ku bumenyi n'ubuhanga bikoreshwa mu butabera (Rwanda Forensic Laboratory) | 02/02/2022 |
| 9 | Prof. MAMBO Muvunyi Claude | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Ubuzima mu Rwanda (Rwanda Biomedical Center) | 02/02/2022 |

| Nº | Amazina | Urwego | Itariki Inteko Rusange yamwemerejeho |
|---|---|---|---|
| 10 | Amb. GATETE Claver | Ambasaderi w'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye i New York | 07/02/2022 |
| 11 | Dr. RUKUNDO Emmanuel | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda. | 14/03/2022 |
| 12 | Bwana MARARA KAYINAMURA Igor | Ambasaderi w'u Rwanda muri Leta ya Qatar | 14/03/2022 |
| 13 | Dr. MUCYO Sylvie | Umuyobozi Mukuru (Vice Chancellor) w'Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyingiro (Rwanda Polytechnic) | 23/05/2022 |
| 1 4 | Bwana HABIYAREMYE RURIHOSE Florien, | Deputy Chief Gender Monitor in charge of Mainstreaming mu Rwego rushinzwe kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (Gender Monitoring Office). | 23/05/2022 |

*Umugereka wa 6: Ibikorwa byakozwe muri gahunda yo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma*

| N° | Igikorwa | Komisiyo yagikoze | Igihe raporo yagerejwe ku Nteko Rusange |
|---|---|---|---|
| 1 | Ikiganiro ku kurwanya ihakana n'ipfobya bya Jenoside yakorewe Abatutsi | Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 21/07/2021 (15h00) |
| 2 | Kumenya gahunda zo guteza imbere umurimo mu rubyiruko n'uko zishyirwa mu bikorwa | Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu | 27/07/2021 (15h00) |
| 3 | Igikorwa cyo guhuriza hamwe inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi | Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 29/07/2021 (15h00) |
| 4 | Gusuzuma raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ku igenzura ryakozwe ku mwaka warangiye ku wa 30 Kanama 2020 | Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | 03/08/2021 (15h00) |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 5 | Kugenzura imikorere y'inzego z'imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda | Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere | 05/10/2021 (15h00) |
| 6 | Kungurana ibitekerezo n'uhagarariye Guverinoma ku bijyanye n'uruhare rwa Ambasade mu kurwanya ihakana n'ipfobya bya Jenoside yakorewe Abatutsi bibera mu mahanga | Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 30/11/2021 (15h00) |
| 7 | Kumenya ibikorwa mu guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi. | Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | 02/12/2021 (15h00) |
| 8 | Kumenya ibibazo binyuranye biri mu Midugudu yaba iy'Icyitegererezo IDP Model Village) n'indi Midugudu Leta ituzamo abantu banyuranye mu rwego rwo gukemura ibibazo by'abadafite aho baba | Komisiyo idasanzwe | 22/02/2022 (15h00) |
| 9 | Kumenya ibikorwa bya Guverinoma mu bijyanye na serivisi zihabwa Abanyarwanda baba mu mahanga | Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 23/02/2022 (15h00) |
| 10 | Gusura ibikorwa by'amatsinda y'ubumwe n'ubwiyunge | Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa muntu | 30/03/2022 (15h00) |
| 11 | Kumenya ibikorwa bya Guverinoma mu bijyanye no gukumira no kurwanya inkongi z'umuriro | Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 04/04/2022 (15h00) |

*Umugereka wa 7: Raporo z'Inzego zashyikirijwe Inteko Ishinga Amategeko*

| Nº | Komisiyo/ Urwego | Igikorwa | Itariki raporo ya Komisiyo yagerejwe ku Nteko Rusange ya Sena |
|---|---|---|---|
| 1 | Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu | Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu by'umwaka wa 2020-2021 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2021-2022 | 16/02/2022 |

| Nº | Komisiyo/ Urwego | Igikorwa | Itariki raporo ya Komisiyo yagerejwe ku Nteko Rusange ya Sena |
|---|---|---|---|
| 2 | Urwego rw'Umuvunyi | Raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi by'umwaka wa 2020-2021 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2021-2022 | 14/02/2022 |
| 3 | Komisiyo y'Igihugu y'Abakozi ba Leta | Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abakozi ba Leta by'umwaka wa 2020/2021 na gahunda y'ibikorwa byayo by'umwaka wa 2021/2022 | 17/02/2022 |
| 4 | Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere | Raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere by'umwaka wa 2020-2021 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2021-2022 | 10/02/2022 |
| 5 | Banki Nkuru y'u Rwanda | Raporo y'ibikorwa bya Banki Nkuru y'u Rwanda by'umwaka wa 2020-2021 | 07/02/2022 |
| 6 | Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta | Raporo y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru w'Imari ya Leta y'umwaka warangiye ku itariki ya 30 Kamena 2020. | 12/05/2022 |

*Umugereka wa 8: Abashyitsi basuye Sena mu mwaka wa 2021/2022*

| Itariki | Umushyitsi | Aho aturutse | Uwamwakiriye | Impamvu |
|---|---|---|---|---|
| 12 Kanama 2021 | Minisitiri ushinzwe ubugenzuzi bukuru bw'imiyoborere y'Igihugu (Minister Inspector General of State Administration) n'intumwa yari ayoboye | | Ihuriro AP-NAC-Rwanda | Gutsura umubano |
| 21 Nzeri 2021 | Ambasaderi w'u Bufaransa mu Rwanda, | France | Biro ya Sena | Gutsura umubano |
| 13 Ukwakira 2021 | Ukuriye Ibiro bishinzwe inyungu za Canada mu Rwanda (Head of the Office of the High Commission of Canada) | Canada | Biro ya Sena | Gutsura umubano |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 26 Ukwakira 2021 | Ambasaderi wa Koreya mu Rwanda | Koreya | Biro ya Sena | Gutsura umubano |
| 06 Ugushyingo 2021 | Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko ya Zimbabwe n'intumwa yari ayoboye | Zimbabwe | Biro ya Sena | Gutsura umubano |
| 16 Ugushyingo 2021 | Ambasaderi w'Ubwongereza mu Rwanda | Ubwongereza | Biro ya Sena | Gutsura umubano |
| 16 Ugushyingo 2021 | Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta | Rwanda | Biro ya Sena | Kungurana ibitekerezo |
| 26 Ugushyingo 2021 | Umuvunyi Mukuru wa Togo n'intumwa yari ayoboye | Togo | Biro ya Sena | Gutsura umubano |
| 26 Ugushyingo 2021 | Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko y'Afurika y'Epfo n'intumwa yari ayoboye | Afurika y'Epfo | Biro ya Sena | Gutsura umubano |
| 03 Gashyantare 2022 | Ambasaderi wa Repubulika y'Abarabu ya Misiri mu Rwanda | Misiri | Biro ya Sena | Gutsura umubano |
| 03 Gashyantare 2022 | Ambasaderi wa Repubulika ya Pakistan mu Rwanda | Pakistani | Biro ya Sena | Gutsura umubano |
| 20 – 25 Gashyantare 2022 | Itsinda ry'Abasenateri bagize Komisiyo y'Amahoro n'Umutekano mu Nteko Ishinga Amategeko ya Zimbabwe | Zimbabwe | Biro ya Sena | Gutsura umubano |
| 25 Werurwe – 02 Mata 2022 | Itsinda ry'Abasenateri bo muri Zimbabwe bagize Komisiyo y'Uburinganire n'Iterambere mu Nteko Ishinga Amategeko ya Zimbabwe | Zimbabwe | Biro ya Sena | Gutsura umubano |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 09/6/2022 | Itsinda ry'Abasenateri 8 bo muri Sena ya Kenya baje mu rugendo-shuri mu Rwanda | Kenya | Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburen-ganzira bwa Muntu | Gutsura umubano |
| 26/06/2022 kugera ku wa 01/7/2022 | Abakozi b'Inteko Ishinga Amategeko ya Zambia | Zambiya | Umunyam-abanga Mukuru wa Sena | Gusangira ubunararibo-nye |
| 30 Kamena 2022 | Abashyitsi baturutse mu Nteko ishinga amategeko ya Zambiya | Zambiya | Biro ya Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | Gutsura umubano |

*Umugereka wa 9: Ingengo y'imari y'umwaka wa 2021/2022 yakoreshejwe*

| Igikorwa | Ingengo y'imari | Amafaranga amaze gukoreshwa | Asigaye | Ijanisha ry'ayakoreshejwe |
|---|---|---|---|---|
| Kwishyura imishahara y'Abasenateri | 745,126,289 | 716,119,122 | 29,007,167 | 96.11% |
| Kwishyura imishahara y'abakozi | 572,256,480 | 515,258,495 | 56,997,985 | 90.04% |
| Kwishyura ubwiteganyirize bw'abakozi | 240,526,064 | 236,915,491 | 3,610,573 | 98.50% |
| Kwishyura ibikoresho byo mu biro | 70,840,032 | 68,277,244 | 2,562,788 | 96.38% |
| Kwishyura amazi n'umuriro | 101,600,000 | 99,471,956 | 2,128,044 | 97.91% |
| Kwishyura ubukode bw'inzu | 74,708,503 | 70,394,863 | 4,313,640 | 94.23% |
| Kwishyura ibijyanye n'itumanaho | 166,012,673 | 165,518,111 | 494,562 | 99.70% |
| Kwishyura ubwishingizi bw'inzu n'ibikoresho | 9,000,000 | 6,907,787 | 2,092,213 | 76.75% |
| Kwishyura "charges" za banki | 80,000 | 40,000 | 40,000 | 50.00% |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Kwakira abashyitsi | 64,827,643 | 56,489,820 | 8,337,823 | 87.14% |
| Kwishyura abanyamasezerano | 51,000,000 | 34,470,703 | 16,529,297 | 67.59% |
| Kwishyura ingendo mu gihugu no mu mahanga | 1,303,814,374 | 1,241,905,209 | 61,909,165 | 95.25% |
| Gusana | 223,389,647 | 223,388,390 | 1,257 | 99.99% |
| Ibikoresho bisimbura ibishaje mu gusana | 8,250,000 | 8,191,128 | 58,872 | 99.29% |
| Kwishyura abashinzwe kurinda umutekano wa ba VPs mu rugo | 15,600,000 | 14,071,500 | 1,528,500 | 90.20% |
| Kugura ibikoresho no kwishyura serivisi z'ikoranabuhanga | 30,721,633 | 29,882,851 | 838,782 | 97.27% |
| Kugura ibikoresho biramba byo mu biro | 8,000,000 | 2,957,000 | 5,043,000 | 36.96% |
| Kwishyura imperekeza | 100,000 | 0 | 100,000 | 0% |
| Imirimo y'inyongera ku nzu Ndangamateka | 500,000,000 | 500,000,000 | 0 | 100% |
| Kwishyura izindi serivisi zinyuranye(Training, sitting allowance) | 21,380,000 | 12,759,667 | 8,620,333 | 59.68% |
| Igiteranyo | 4,207,233,338 | 4,003,019,337 | 204,214,001 | 95.15% |